RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 31 Werurwe -02 Mata






**P1. Sitball :** Ikipe ya Karongi na Musanze zegukanye igikombe

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Sitball:** Ikipe ya Karongi na Musanze zegukanye igikombe

P2 **Handball :** u Rwanda rwatsinze u Burundi mu mikino ya gicuti mu kwitegura igikombe cy'Isi

P3 **Basketball :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P3 **Rugby :** UR Grizzlies yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri

P4 **Cricket :** Nigeria yegukanye igikombe itsinze ikipe y'u Rwanda

P5 **Football :** Uko imikino y'umunsi wa 25 yageze

P5 **Karate :** Niyomugabo yatorewe kuba Perezida wa FERWAKA

P6 **Cricket :** Challengers na IPRC Kigali zizahatanira igikombe muri "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023"

P6 **Wheelchair Basketball :** Ikipe ya Kicukiro na Gasabo zigiye guhatanira igikombe

# 1 **Sitball:** Ikipe ya Karongi na Musanze zegukanye igikombe

Taliki 01 Mata 2023 muri Lycée de Kigali "LDK" habereye imikino ya nyuma ya shampiyona ya Sitball mu bagabo n'abagore "Sitball Championship2022-2023".

Mu bagabo, ikipe ya Karongi ni yo yegukanye igikombe aho yasoreje ku mwanya wa mbere ikurikirwa na Rutsiro (02), Musanze (03), Gisagara (04) na Rulindo (05).

Mu bagore, ikipe ya Musanze yegukanye umwanya wa mbere ihabwa igikombe ikurikirwa na Nyamasheke (02), Kirehe (03), Gicumbi (04) na Rubavu (5).

**Uko imikino yagenze**




## 2022-2023 SITBALL CHAMPIONSHIP

### MEN FINALS

01.04.2023




**MEN RESULTS**

| | | |
|---|---|---|
| RUTSIRO | 31-28 | GISAGARA |
| KARONGI | 26-20 | RULINDO |
| MUSANZE | 30-32 | GISAGARA |
| RUTSIRO | 21-26 | KARONGI |
| MUSANZE | 24-23 | RULINDO |
| KARONGI | 30-28 | GISAGARA |
| MUSANZE | 25-22 | KARONGI |
| RULINDO | 22-28 | RUTSIRO |
| MUSANZE | 22-23 | RUTSIRO |
| RULINDO | 30-24 | GISAGARA |
| NYAGATARE | 25-21 | GASABO |
| GASABO | 31-18 | KIREHE |
| NYAGATARE | 28-23 | KIREHE |




### WOMEN FINALS

01.04.2023



**WOMEN RESULTS**

| | | |
|---|---|---|
| GICUMBI | 18-23 | RUBAVU |
| KIREHE | 13-23 | NYAMASHEKE |
| MUSANZE | 32-13 | RUBAVU |
| GICUMBI | 23-16 | KIREHE |
| MUSANZE | 24-18 | NYAMASHEKE |
| RUBAVU | 20-27 | KIREHE |
| MUSANZE | 28-16 | KIREHE |
| NYAMASHEKE | 19-22 | GICUMBI |
| MUSANZE | 31-25 | GICUMBI |
| NYAMASHEKE | 23-17 | RUBAVU |
| NGOMA | 41-14 | NYANZA |





# **Handball :** u Rwanda rwatsinze u Burundi mu mikino ya gicuti mu kwitegura igikombe cy'Isi

Ikipe y'u Rwanda yitwaye neza itsinda ikipe y'u Burundi imikino ibiri ya gicuti yakinwe mu rwego rwo kwitegura imikino y'igikombe cy'Isi mu batarengeje imyaka 19 "IHF Men's Youth World Championship 2023" aho aya makipe yombi azitabira.

Iyi mikino yombi yabereye ku kibuga giherereye i Nyambirambo ahazwi nko kuri Tapis Rouge taliki 01 na 02 Mata 2023. Mu mukino wa mbere, ikipe y'u Rwanda yatsinze u Burundi ibitego 29 kuri 28 naho umukino wa kabiri , ikipe y'u Rwanda itsinda ku bitego 43 kuri 37.

Nyuma y'iyi mikino yombi, umutoza mukuru w'ikipe y'u Rwanda, Bagirishya Anaclet yavuze ko iyi mikino ibafashije kureba uko abakinnyi bahagaze kuko bari bamaze iminsi bari mu makipe yabo.

Yakomeje avuga ko hari ibyo babonye bagomba kongeramo imbaraga nko mu izamu.

Umutoza Bagirishya ashimangira ko imikino nk'iyi ifasha cyane. Ati : "Imikino nk'iyi irafasha cyane natwe tuzajya i Burundi dukine indi mikino nk'ibiri ndetse turateganya ko bishobotse twanakina na Misiri ndetse na Maroc nk'amakipe akomeye asanzwe yitabira igikombe cy'Isi kugira ngo turebe neza uko duhagaze."

Umutoza mukuru w'ikipe y'u Burundi, Nimubona Floribert yatangaje ko iyi mikino yabafashije kubona aho bafite intege nke. Ati : "Ikipe y'u Rwanda yaturushije imbaraga hagati bivuze ko tugomba gufasha abakinnyi kongera imbaraga".

Yakomeje avuga ko gahunda bafite ari ugukomeza gukina imikino nk'iyi ya gicuti aho bategereje ikipe y'u Rwanda ko izaza i Burundi ndetse bakaba bateganya n'indi mikino kugira ngo abakinnyi bakomeze bamenyerane kandi bagire n'ibyo bakosora.

Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND", Twahirwa Alfred yavuze ko iyi mikino yagaragaje ko hari ibyo abakinnyi barimo gukora neza ariko ko hari n'ibindi bikenewe gukorwa kugira ngo bagere ku rwego rwo gukina igikombe cy'Isi.
Yakomeje avuga ko hagomba gukinwa imikino myinshi ya gicuti cyane cyane n'amakipe akomeye. Ati : "Tugomba gukina n'amakipe akomeye atari ayo tubasha gutsinda gusa".

Twahirwa yavuze ko barimo kureba uko haboneka imikino ya gicuti n'amakipe akomeye cyane cyane ayo mu barabu. Ati : "Turateganya gukina na Misiri na Maroc, twaravuganye hari gahunda y'uko twajyayo. Turateganya no gukorera umwiherero mu Bufaransa aho twatangiye ibiganiro n'ikipe ya PSG kuko ifite ikipe ya Handball".

Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa avuga ko uretse iyi mikino n'amakipe akomeye bateganya hari na gahunda yo kujya kwishyura ikipe y'u Burundi muri Gicurasi 2023 ndetse byanashoboka hakazaba n'umukino n'ikipe ya Kenya.

Mu rwego rwo gufasha ikipe kuzitwara neza, Twahirwa anagaragaza ko hari na gahunda yo gushaka abatoza bafite ubumenyi bwisumbuyeho ndetse banatoje mu mikino y'igikombe cy'Isi.

Iyi mikino ya gicuti byari biteganyijwe ko ibera muri BK Arena mu rwego rwo gufasha abakinnyi kumenyera ahasa n'aho bazakinira ariko ntihaboneka. Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa Alfred akaba avuga ko barimo kuganira na MINISPORTS kugira ngo ikipe izajye ibasha kuhakorera imyitozo kuko bateganya kujya bakora imyitozo bataha ubundi bakaba bajya no mu mwiherero bari hamwe mu gihe runaka mu rwego rwo gukomeza kwitegura.

Aya makipe yombi, u Rwanda n'u Burundi akaba yarabonye itike yo kwitabira imikino y'igikombe cy'Isi nyuma yo kwitwara neza mu mikino y'Afurika yabereye mu Rwanda muri Kanama na Nzeri 2022.

Muri iyi mikino y'igikombe cy'Isi izabera muri Croatia kuva taliki 2 kugeza 13 Kanama 2023, ikipe y'u Rwanda U-19 iri mu itsinda A hamwe na Croatia izakira irushanwa, Portugal na Algeria naho ikipe y'u Burundi U-19 iri mu itsinda H hamwe na Sweden, Faroe Islands na Iran.








## **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 01 Mata 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere mu bagore n'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

FERWABA — Rwanda Basketball Federation · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

### RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - WOMEN'S CAT DAY 8 RESULTS

**FIRST LEG**

SATURDAY 01/04/2023

| | | |
|---|---|---|
| RP IPRC HUYE | 74-57 | THE HOOPS RWA |
| UR HUYE BBC | 46-60 | GS GAHINI |
| UR KIGALI | 25-69 | GS MARIE REINE |
| REG BBC | 63-80 | APR BBC |

FERWABA — Rwanda Basketball Federation · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

### RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D2 DAY 1 RESULTS

**SECOND LEG**

SATURDAY 01/04/2023

| | | |
|---|---|---|
| ITS KIGALI | 77-86 | THE HOOPS |
| FLAME | 56-62 | WIBENA |
| RUSIZI BBC | 81-80 | INTARE |
| UR HUYE | 80-66 | BLACK THUNDERS BBC |
| AZOMCO | 55-52 | KEPLER BBC |
| ELITE | 64-63 | KICUKIRO BUCKETS |
| KARONGI BBC | 62-57 | UR KIGALI |
| INSPIRED GENERATION BBC | 77-43 | SPARTANS |

## **Rugby:** UR Grizzlies yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri

Taliki 01 Mata 2023, ikipe ya Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye mu mukino wa Rugby "UR Grizzlies" yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagabo mu bakina ari 15 "15 Aside" itsinze ikipe y'Akarere ka Burera "Burera Tigers RFC", aya makipe yombi akaba yanabonye itike yo kuzakina shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mwaka w'imikino utaha wa 2023-2024.

Uyu mukino wa nyuma wabereye ku kibuga cya Croix Rouge ku Kacyiru.

Ikipe ya UR Grizzlies yegukanye igikombe itsinda ikipe ya Burera Tigers RFC amanota 11 ku 08.

Shampiyona y'icyiciro cya kabiri yatangiye muri Gashyantare 2023 aho yitabiriwe n'amakipe 4 ari yo UR Grizzlies, Burera Tigers RFC, Rwamagana Hippos yo mu Karere ka Rwamagana na Rubavu Eagles yo mu Karere ka Rubavu.

Mu mikino y'amajonjora, ikipe ya UR Grizzlies yakinnye na Rwamagana Hippos mu gihe Burera Tigers yakinnye na Rubavu Eagles, umukino ubanza n'uwo kwishyura.

Ikipe ya UR Grizzlies yatsindiye Rwamagana Hippos iwayo mu mukino ubanza amanota 21 kuri 11 naho umukino wo kwishyura, ikipe ya Rwamagana Hippos iterwa mpaga kuko itageze ku kibuga.

Ikipe ya Burera Tigers RFC yatsinze Rubavu Eagles mu mikino yombi ku manota 16-08 na 14 kuri 12.

Ikipe ya UR Grizzlies yegukanye igikombe yanahawe sheki y'ibihumbi 300 naho ikipe ya Burera Tigers RFC ihabwa ibihumbi 200. Ikipe ya Rwamagana Hippos yasoreje ku mwanya wa 3.



# **Cricket:** Nigeria yegukanye igikombe itsinze ikipe y'u Rwanda

Taliki 02 Mata 2023, ikipe y'igihugu ya Nigeria yegukanye igikombe cy'irushanwa mpuzamahanga mu mukino wa Cricket mu cyiciro cy'abagore "NCF Women's T20 International Cricket Tournament 2023" itsinze ikipe y'u Rwanda ku mukino wa nyuma.

Iri rushanwa ritegurwa n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket muri Nigeria "NCF" ryari ryitabiriwe n'amakipe 5 ari yo u Rwanda, Cameroun, Sierra Leone, Ghana na Nigeria. Irushanwa ryatangiye taliki 27 Werurwe 2023 aho amakipe yakinnye hagati yayo hanyuma ikipe ya mbere n'iya kabiri zihatanira igikombe naho ikipe ya 3 n'iya 4 zihatanira umwanya wa 3.

Nyuma y'imikino y'amajonjora yabaye taliki 01 Mata 2023, ikipe y' u Rwanda yari ifite igikombe giheruka muri 2022 ni yo yasoje iyoboye n'amanota 8 naho Nigeria iba iya kabiri n'amanota 6.

Ikipe ya Sierra Leone yasoreje ku mwanya wa 3 n'amanota 4 naho Cameroun iba iya 4 n'amanota 2.

Ku munsi wa nyuma w'iri rushanwa, taliki 02 Mata 2023, ikipe ya Sierra Leone yakinnye na Cameroun mu guhatanira umwanya wa 3. Ikipe ya Sierra Leone yitwaye neza itsinda Cameroun yegukana umwanya wa 3.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya Nigeria yitwaye neza itsinda u Rwanda ku kinyuranyo cy'amanota 9.

Muri uyu mukino, ikipe ya Nigeria ni yo yatangiye ikubita agapira ishaka amanota "Batting" maze mu dupira 120 (20 Overs) ikora amanota 99 aho abakinnyi 4 ari bo basohowe mu kibuga (4 Wickets).

Mu gice cya kabiri, ikipe y'u Rwanda yasabwaga amanota 100 yatangiye gukubita agapira ishaka amanota "Batting" maze mu dupira 120 (20 Overs) ikora amanota 90 mu gihe abakinnyi 9 ari bo basohowe mu kibuga (9 Wickets).

Ikipe ya Nigeria yahise yegukana intsinzi ku kinyuranyo cy'amanota 9. Iyi kipe ya Nigeria ikaba yari yatsinzwe n'u Rwanda mu mukino w'amajonjora ku kinyuranyo cy'amanota 39.

Nyuma yo gutsinda uyu mukino, ikipe ya Nigeria ni yo yegukanye igikombe cyari cyegukanwe n'u Rwanda umwaka ushize wa 2022.







## **Football :** Uko imikino y'umunsi wa 25 yageze

Kuva taliki 31 Werurwe kugeza 02 Mata 2023 habaye imikino y'umunsi wa 25 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo. Ikipe ya APR FC yitwaye neza itsinda Bugesera FC ibitego 2-0 ikomeza kuyobora urutonde by'agateganyo.

Imikino y'umunsi wa 24 twabibutsa ko yasubitswe kuko igihe yagombaga kubera, ikipe y'u Rwanda "Amavubi" yari mu myiteguro yo gukina imikino yo gushaka itike ya CAN 2023.

Imikino y'umunsi wa 26 izaba taliki 15 Mata 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 31-03-2023**
- Rutsiro FC **0-1** Rwamagana City
- Gorilla **1-1** Sunrise FC

**Taliki 01-04-2023**
- Rayon Sports **2-4** Police FC
- Marines FC **4-1** Musanze FC
- AS Kigali **1-0** Mukura

**Taliki 02-04-2023**
- Etincelles FC **5-1** Gasogi United
- Espoir FC **1-2** Kiyovu
- APR FC **2-1** Bugesera FC




| NO | TEAM | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 24 | 15 | 7 | 2 | 42 | 20 | 22 | 52 |
| 2 | KIYOVU SPORT | 24 | 15 | 5 | 4 | 39 | 26 | 13 | 50 |
| 3 | RAYON SPORT | 24 | 14 | 4 | 6 | 35 | 22 | 13 | 46 |
| 4 | AS KIGALI | 24 | 12 | 6 | 6 | 32 | 16 | 16 | 42 |
| 5 | POLICE FC | 24 | 12 | 3 | 9 | 33 | 25 | 8 | 39 |
| 6 | GASOGI UNITED | 24 | 10 | 7 | 7 | 30 | 26 | 4 | 37 |
| 7 | ETINCELLES FC | 24 | 10 | 7 | 7 | 35 | 32 | 3 | 37 |
| 8 | MUKURA VS | 24 | 10 | 4 | 10 | 31 | 24 | 7 | 34 |
| 9 | GORILLA FC | 24 | 9 | 5 | 10 | 22 | 22 | 0 | 32 |
| 10 | MUSANZE FC | 24 | 8 | 6 | 10 | 26 | 35 | -9 | 30 |
| 11 | BUGESERA FC | 24 | 7 | 7 | 10 | 23 | 24 | -1 | 28 |
| 12 | RWAMAGANA CITY | 24 | 8 | 2 | 14 | 22 | 35 | -13 | 26 |
| 13 | SUNRISE FC | 24 | 6 | 7 | 11 | 28 | 33 | -5 | 25 |
| 14 | RUTSIRO FC | 24 | 4 | 9 | 11 | 18 | 33 | -15 | 21 |
| 15 | MARINES FC | 24 | 5 | 4 | 15 | 31 | 44 | -13 | 19 |
| 16 | ESPOIR FC | 24 | 3 | 5 | 16 | 9 | 39 | -30 | 14 |



## **Karate :** Niyomugabo yatorewe kuba Perezida wa FERWAKA

Taliki 02 Mata 2023 mu cyumba cy'inama cya Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" i Remera habereye inama y'inteko rusange y'ishyirahamwe ry'umukino wa Karate mu Rwanda "FERWAKA" ikaba yarabereyemo amatora ya Komite nyobozi nshya.

Niyomugabo Damien ni we watorewe kuba Perezida wa FERWAKA mu gihe cy'imyaka 4 iri imbere akaba yasimbuye kuri uyu mwanya, Uwayo Theogene wari umaze imyaka 15 ayobora FERWAKA.

Ku mwanya wa Visi Perezida hatowe Mwizerwa Dieudonne, Umunyamabanga mukuru hatorwa Bugingo Elvis wari usanzwe kuri uyu mwanya naho ku mwanya w'Umubitsi hatorwa Ingabire Solange.

Mu bandi batowe hari Niragire Samuel watorewe umwanya w'Umuyobozi wa Tekinike ndetse hatorwa n'Akanama nkemurampaka kagizwe na Ganziteka Didier Pascal, Rugwizangoga Reverien na Ngirababyeyi Noel.





## **Cricket:** Challengers na IPRC Kigali zizahatanira igikombe muri "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023"

Ikipe ya Challengers CC na IPRC Kigali CC ni zo zizakina umukino wa nyuma mu irushanwa "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023", uyu mukino ukaba uteganyijwe taliki 15 Gicurasi 2023.

Iri rushanwa ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufatanye na Dafabet ryitabiriwe n'amakipe 6 asanzwe akina shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo ari yo Challengers CC, Right Guards CC, Zonic Tigers CC, Kigali CC, Telugu Royals CC na IPRC Kigali CC. Aya makipe akaba yarakinnye hagati yayo kuva taliki 18 Werurwe 2023.

Mu mpera z'iki Cyumweru gishize, taliki 01 na 02 Mata 2023 ni bwo habaye imikino y'umunsi wa 4 n'uwa 5 ari na yo isoza y'amajonjora.

Taliki 01 Mata 2023 habaye imikino 3 aho ikipe ya Right Guards CC yatsinze IPRC Kigali, Zonic Tigers CC itsinda Telugu Royals CC naho ikipe ya Challengers CC itsinda Kigali CC.

Taliki 02 Mata 2023, ikipe ya Kigali CC yatsinze Right Guards CC, Challengers CC itsinda Zonic Tigers CC naho IPRC Kigali CC itsinda Telugu Royals CC.

Nyuma y'iyi mikino y'amajonjora, ikipe ya Challengers CC ni yo yasoje iyoboye n'amanota 10 aho yatsinze imikino yose. Yakurikiwe na IPRC Kigali CC n'amanota 6 inganya na Zonic Tigers CC yasoreje ku mwanya wa 3. Ikipe ya Right Guards CC yasoreje ku mwanya wa 4 n'amanota 4, Kigali CC isoreza ku mwanya wa 5 n'amanota 2 inganya n'ikipe ya Telugu Royals CC yasoreje ku mwanya wa nyuma wa 6.

Biteganyijwe ko iri rushanwa "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023" rizasozwa taliki 15 Mata 2023 aho ikipe ya Challengers CC na IPRC Kigali CC zizakina umukino wa nyuma wo guhatanira igikombe. Mu mukino w'amajonjora wahuje aya makipe yombi, Challengers CC yatsinze IPRC Kigali CC ku kinyuranyo cy'amanota 19.




## **Wheelchair Basketball:** Ikipe ya Kicukiro na Gasabo zigiye guhatanira igikombe

Taliki 03 Mata 2023 habaye imikino ya ½ muri shampiyona y'umukino wa Wheelchair Basketball mu bagabo "Wheelchair Basketball Championship 2022-2023".

Mu mikino yabaye mu bagabo, Musanze yatsinze Gicumbi amanota 20-5, Gasabo itsinda Indangamirwa amanota 22-6, Musanze itsinda Bugesera amanota 20-0 naho Kicukiro itsinda Eagles amanota 36 kuri 26.

Mu bagore habaye umukino umwe aho ikipe ya Gasabo yatsinze Kicukiro amanota 18-6.

Ikipe ya Kicukiro na Gasabo ni zo zizakina umukino wa nyuma wo guhatanira igikombe naho ikipe ya Eagles ikine na Indangamirwa mu guhatanira umwanya wa 3.







RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave